

**Ibirimo/Summary/Sommaire**

**Page/Urup.**

**Amateka ya Minisitiri / Ministerial Orders/ Arrêtés Ministériels**

**N° 006/11.30 ryo kuwa 18/11/2010**

Iteka rya Minisitiri rigena imiterere y'amasezerano y'ubukode bw'igikingi cy'uburobyi n'igikingi cy'ubworozi bwo mu mazi n'ibiyakubiyemo.....3

**N° 006/11.30 of 18/11/2010**

Ministerial Order determining the form and content of the aquaculture and fishing concession contract.....3

**N° 006/11.30 du 18/11/2010**

Arrêté Ministériel déterminant la forme et le contenu du contrat de location de concession d'aquaculture et de pêche .....3

**N° 007/11.30 ryo kuwa 18/11/2010**

Iteka rya Minisitiri rigena ibishingirwaho mu gutanga uruhushya rw'uburobyi n'igihe rumara.....17

**N° 007/11.30 of 18/11/2010**

Ministerial Order determining the requirements for issuance of fishing license and its period of validity.....17

**N° 007/11.30 du 18/11/2010**

Arrêté Ministériel définissant les critères d'octroi des licences de pêche et leur validité.....17

**N°008/11.30 ryo kuwa 18/11/2010**

Iteka rya Minisitiri rigena imitunganyirize y'imikoreshereze y'imiti y'amatungo.....36

**N°008/11.30 of 18/11/2010**

Ministerial Order determining the organization of veterinary pharmacy practice.....36

**N°008/11.30 du 18/11/2010**

Arrêté Ministériel portant organisation de l'exercice de la pharmacie vétérinaire .....36

**N°009/11.30 ryo kuwa 18/11/2010**

Iteka rya Minisitiri ryerekeye izerera ry'amatungo n'izindi nyamaswa zororerwa mu rugo...59

**N°009/11.30 of 18/11/2010**

Ministerial Order on stray cattle and other domestic animals .....59

**N°009/11.30 du 18/11/2010**

Arrêté Ministériel portant divagation du bétail et autres animaux domestiques.....59

**N° 010/11.30 ryo kuwa 18/11/2010**

Iteka rya Minisitiri rigena zone zikorerwamo ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi.....70

**N°010/11.30 of 18/11/2010**

Ministerial Order determining aquaculture and fishing zones .....70

**N° 010/11.30 du 18/11/2010**

Arrêté Ministériel déterminant les zones d'aquaculture et de pêche .....70

**N° 011/11.30 ryo kuwa 18/11/2010**

Iteka rya Minisitiri ryerekeye uburyo bwo kuvana mu mahanga, gucuruza no gukwirakwiza umutungo ukomoka ku burobyi n'ibikoresho by'uburobyi n'ubworozi bwo mu mazi.....74

**N° 011/11.30 of 18/11/2010**

Ministerial Order on the importation, marketing and distribution modalities of aquaculture and fisheries products, equipment and materials .....74

**N° 011/11.30 du 18/11/2010**

Arrêté Ministériel portant modalités d'importation, de commercialisation et de distribution des produits, engins et matériels d'aquaculture et de pêche.....74

**N°012/11.30 ryo kuwa 18/11/2010**

Iteka rya Minisitiri ryerekeye ibagwa ry'amatungo, ubugenzuzi bw'inyama .....88

**N° 012//11.30 of 18/11/2010**

Ministerial Order on animal slaughtering, meat inspection.....88

**N° 012/11.30 DU 18/11/2010**

Arrêté Ministériel portant abattage du bétail et inspection de la viande .....88

**N°013/11.30 ryo kuwa 18/11/2010**

Iteka rya Minisitiri ryerekeye itwarwa n'icuruzwa ry'inyama.....104

**N°013/11.30 of 18/11/2010**

Ministerial Order on transport and trade of meat .....104

**N°013/11.30 du 18/11/2010**

Arrêté Ministériel relatif au transport et au commerce de la viande .....104

ITEKA RYA MINISITIRI N° 006/11.30 RYO  
KUWA 18/11/2010 RIGENA IMITERERE  
Y'AMASEZERANO Y'UBUKODE  
BW'IGIKINGI CY'UBUROBYI  
N'IGIKINGI CY'UBWOROZI BWO MU  
MAZI N'IBIYAKUBIYEMO

MINISTERIAL ORDER N° 006/11.30 OF  
18/11/2010 DETERMINING THE FORM  
AND CONTENT OF THE AQUACULTURE  
AND FISHING CONCESSION  
CONTRACT

ARRETE MINISTERIEL N° 006/11.30 DU  
18/11/2010 DETERMINANT LA FORME ET  
LE CONTENU DU CONTRAT DE  
LOCATION DE CONCESSION  
D'AQUACULTURE ET DE PECHE

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO**  
**RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISION**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS**  
**GENERALE**

**Ingingo ya mbere : Icyo iri teka rigamije**

**Article one: Purpose of this Order**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**UMUTWE WA II: IMITERERE**  
**N'IBIKUBIYE MU MASEZERANO**  
**Y'UBUKODE**

**CHAPTER II: FORM AND CONTENT OF**  
**AQUACULTURE AND FISHING**  
**CONCESSION CONTRACT**

**CHAPITRE II : FORME ET CONTENU DU**  
**CONTRAT DE LOCATION DE**  
**CONCESSION D'AQUACULTURE ET DE**  
**PECHE**

**Ingingo ya 2: Igihe amasezerano amara**

**Article 2: Duration of the contract**

**Article 2: Durée d'un contrat de location de**  
**concession**

**Ingingo ya 3: Ibisabwa byihariye**

**Article 3: Special conditions**

**Article 3: Conditions spéciales**

**Ingingo ya 4: Itegurwa ry'amasezerano**

**Article 4: Drafting of the contract**

**Article 4: Elaboration du contrat**

**Ingingo ya 5: Ivugururwa ry'amasezerano**  
**cyangwa kwegurirwa undi muntu**

**Article 5: Modification or transfer of**  
**contract**

**Article 5: Renouvellement et cession de**  
**contrat**

**Ingingo ya 6: Uburyo bwo kwishyura**

**Article 6: Modalities of Payment**

**Article 6: Conditions de paiement**

<b><u>Ingingo ya 7:</u></b> Ubwishyu bw'itegurwa ry'amasezerano	<b><u>Article 7:</u></b> Costs of drafting	<b><u>Article 7:</u></b> Frais d'élaboration
<b><u>Ingingo ya 8 :</u></b> Ibyangombwa bisabwa	<b><u>Article 8:</u></b> Technical document	<b><u>Article 8:</u></b> Dossier technique
<b><u>Ingingo ya 9:</u></b> Amategeko agenga amasezerano y'igikingi	<b><u>Article 9:</u></b> Regulations applicable to the concession contract	<b><u>Article 9:</u></b> Règlements applicables au contrat de concession
<b><u>UMUTWE WA III: IBIHANO</u></b>	<b><u>CHAPTER III : PENALTIES</u></b>	<b><u>CHAPITRE III : SANCTIONS</u></b>
<b><u>Ingingo ya 10:</u></b> Ibihano	<b><u>Article 10:</u></b> Penalties	<b><u>Article 10:</u></b> Sanctions
<b><u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA</u></b>	<b><u>CHAPTER IV : FINAL PROVISIONS</u></b>	<b><u>CHAPITRE IV : DISPOSITIONS FINALES</u></b>
<b><u>Ingingo ya 11:</u></b> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	<b><u>Article 11 :</u></b> Repealing provision	<b><u>Article 11 :</u></b> Disposition abrogatoire
<b><u>Ingingo ya 12:</u></b> Igihe iri teka ritangira gukurikizwa	<b><u>Article 12:</u></b> Commencement	<b><u>Article 12:</u></b> Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 006/11.30 RYO KUWA 18/11/2010 RIGENA IMITERERE Y'AMASEZERANO Y'UBUKODE BW'IGIKINGI CY'UBUROBYI N'IGIKINGI CY'UBWOROZI BWO MU MAZI N'IBIYAKUBIYEMO**

**Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, 121 n'iya 201 ;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 08/2005 ryo kuwa 14/07/2005 rigena imikoreshereze y'ubutaka mu Rwanda ;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo kuwa 08/04/2005 ryerekeye uburyo bwo kurinda, gufata neza no kubungabunga ibidukikije mu Rwanda ;

Ashingiye ku Itegeko n° 58/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena imitunganyirize n'imicungire y'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 18;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 09/07/2010 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE :**

**MINISTERIAL ORDER N° 006/11.30 OF 18/11/2010 DETERMINING THE FORM AND CONTENT OF THE AQUACULTURE AND FISHING CONCESSION CONTRACT**

**The Minister of Agriculture and Animal Resources,**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Pursuant to Organic Law n° 08/2005 of 14/07/2005 establishing the use and management of land in Rwanda;

Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining the modalities of environment protection, conservation and development in Rwanda;

Pursuant to Law n° 58/2008 of 10/09/2008 determining the organization and management of aquaculture and fishing in Rwanda, especially in Article 18;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 09/07/2010;

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE MINISTERIEL N° 006/11.30 DU 18/11/2010 DETERMINANT LA FORME ET LE CONTENU DU CONTRAT DE LOCATION DE CONCESSION D'AQUACULTURE ET DE PECHE**

**Le Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales,**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201 ;

Vu la Loi Organique n° 08/2005 du 14/07/2005 portant régime foncier au Rwanda;

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda;

Vu la Loi n° 58/2008 du 10/09/2008, portant organisation de l'aquaculture et de la pêche au Rwanda, spécialement en son article 18;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 09/07/2010;

**ARRETE :**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere : Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena imiterere n'ibikubiye mu masezerano y'ubukode bw'igikingi cy'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi.

**UMUTWE WA II: IMITERERE N'IBIKUBIYE MU MASEZERANO Y'UBUKODE**

**Ingingo ya 2: Igihe amasezerano amara**

Buri masezerano y'ubukode bw'igikingi agomba kugaragaza neza igihe amara.

**Ingingo ya 3: Ibisabwa byihariye**

Ibisabwa byihariye bidateganyijwe n'iri teka bishyirwa mu masezerano y'ubukode bw'igikingi.

**Ingingo ya 4: Itegurwa ry'amasezerano**

Amasezerano y'ubukode bw'igikingi ategurwa kandi agashyirwaho n'umuyobozi ubifitiye ububasha hakurikijwe urugero rw'amasezerano ruri ku mugereka w'iri teka.

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISION**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order determines the form and content of the aquaculture and fishing concession contract.

**CHAPTER II: FORM AND CONTENT OF THE CONCESSION CONTRACT**

**Article 2: Duration of the contract**

Any concession contract shall specify the duration for which it is concluded.

**Article 3: Special conditions**

Special conditions not provided for by this Order shall be prescribed in the concession contract.

**Article 4: Drafting of the contract**

Concession contracts are drawn up by the competent authority in accordance with the standard contract in annex to the present Order.

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITION GENERALE**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine la forme et le contenu du contrat de location de concession d'aquaculture et de pêche.

**CHAPITRE II : FORME ET CONTENU DU CONTRAT DE LOCATION DE CONCESSION**

**Article 2: Durée d'un contrat de location de concession**

Tout contrat de location concession doit préciser la durée pour laquelle il est conclu.

**Article 3: Conditions spéciales**

Des conditions spéciales non prévues par le présent arrêté sont prescrites par le contrat de location de concession.

**Article 4: Elaboration du contrat**

Les contrats de location de concession sont établis par l'autorité compétente conformément au modèle de contrat type annexé au présent arrêté.

**Ingingo ya 5: Ivugururwa ry'amasezerano cyangwa kwegurirwa undi muntu**

Ivugururwa iryo ari ryo ryose ry'uburenganzira n'inshingano bijyanye n'igikingi rigomba gushyirwa mu masezerano y'ubukode bw'igikingi, nk'amasezerano y'inyongera.

Amasezerano y'ubukode bw'igikingi ashobora kuvugururwa ku nyungu z'ugifite. Bisabwe n'umwe mu bagiranye amasezerano, ivugururwa ry'amasezerano y'ubukode bw'igikingi rijyana n'imishyikirano ku biyakubiyemo.

Igikingi ntigishobora guhabwa undi muntu nta ruhushya rwanditse rwa Minisitiri ufite ubuhinzi n'ubworozi mu nshingano ze.

**Ingingo ya 6: Uburyo bwo kwishyura**

Amasezerano y'ubukode bw'igikingi asobanura neza ibisabwa uwishyura. By'umwihariko amasezerano agaragaza neza ingano y'amafaranga yishyurwa n'igihe yishyurirwamo.

**Ingingo ya 7: Ubwishyu bw'itegurwa ry'amasezerano**

Umuyobozi ubifitye ububasha ashobora gusaba ko nyir'amasezerano y'ubukode bw'ikibanza yishingira kuyandikisha hakurikijwe amategeko ariho. Amafaranga agenda ku gikorwa cyo gushyiraho amasezerano y'igikingi yishyurwa n'ugihawe.

**Article 5: Modification or transfer of contract**

Any modification of the rights and obligations arising from the concession contract shall be included in the concession contract as an amendment to the contract.

The concession contract may be renewed for the benefit of the holder. Upon the request of the concession holder, the renewal of the concession contract shall be subjected to the renegotiation of its terms and conditions.

The concession contract shall not be transferred to another holder without written authorization from the Minister in charge of agriculture and animal resources.

**Article 6: Modalities of payment**

The concession contract shall specify the financial conditions relating to it. In a particular case, the contract shall specify concession fees and the period of payment.

**Article 7: Costs of drafting**

The relevant authority may require that the concession holder register his/her concession contract at his/her expense in accordance with the laws in force. The concession holder shall pay the operating costs related to the drafting of the concession contract.

**Article 5: Modification et cession de contrat**

Toute modification des droits et obligations relatives à la concession doit être inscrite dans le contrat de concession sous la forme d'un avenant au contrat.

Le contrat de concession peut être renouvelé au profit de son titulaire. A la demande de l'un des contractants, le renouvellement du contrat de concession donne lieu à la renégociation de ses termes et conditions.

La concession ne peut être transférée à un autre titulaire sans autorisation écrite du Ministre ayant l'agriculture et les ressources animales dans ses attributions.

**Article 6: Conditions de paiement**

Le contrat de location de concession précise les conditions financières qui s'y rattachent. En cas particulier, le contrat doit spécifier le montant de redevance et la périodicité de son paiement.

**Article 7: Frais d'élaboration**

L'autorité compétente peut exiger que le concessionnaire procède à ses frais à l'enregistrement du contrat de location de concession conformément à la législation en vigueur. Les frais d'opération liés à l'établissement du contrat de concession sont à la charge du concessionnaire.

**Ingingo ya 8 : Ibyangombwa bisabwa**

Urwandiko rusaba igikingi cy'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi rugomba kuba ruherekewe n'ibyangombwa biteye nk'umushinga werekana ubushobozi bw'usaba mu bijyanye n'umutungo n'ubumenyi mu by'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi. Hagomba kuba harimo nibura ibyangombwa bikurikira :

- 1° ibiranga usaba igikingi, icyo agamije n'aho abarizwa;
- 2° kugaragaza neza, hakoreshejwe ibishushanyo, imbibi z'igikingi cy'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi usaba yifuza ;
- 3° inyandiko igaragaza gahunda y'imirimu, ibikorwa biteganijwe, uburyo n'ibikoresho by'uburobyi usaba ateganya gukoresha, abakozi ateganya gukoresha, umusaruro ateganya n'uko awugurisha n'andi makuru yasanga ari ingirakamaro;
- 4° inyandiko irambuye igaragaza umutungo w'usaba ugereranyije n'imirimu ateganya gukora;
- 5° igihe yamarana igikingi asaba, n'igihe imirimu yo gutunganya ahakorerwa yamara.

Iyo dosiye y'ibyangombwa by'umushinga byomekwa ku masezerano y'ubukode bw'igikingi kandi bikaba ari kimwe mu biyagize.

**Article 8: Technical document**

Any application for a concession shall be accompanied by a technical document in the form of a project, proving the aquaculture and fishing technical and financial capacities of the applicant. It shall comprise of at least the following documents and indications:

- 1° identity or corporate name and address of the applicant;
- 2° precise marks, with sketch, of the proposed boundaries for the aquaculture and fishing concession ;
- 3° a report outlining an action plan, the nature of the planned activities, the methods and the fishing gears that the applicant intends to use, the personnel that the applicant intends to employ, production and marketing targets and any information considered to be useful;
- 4° a detailed note specifying the financial capacities of the applicant compared to the projected activity;
- 5° the duration for which the concession is applied for, the expected duration for necessary development.

Such technical document shall be annexed to the concession contract and shall be an integral part of it.

**Article 8: Dossier technique**

Toute demande de concession doit être accompagnée d'un dossier technique sous forme d'un projet prouvant les capacités financières et techniques en matière d'aquaculture et de pêche du demandeur. Il doit comporter au minimum les pièces et indications suivantes :

- 1° l'identité ou la raison sociale et l'adresse du demandeur ;
- 2° l'indication précise, avec croquis à l'appui, des limites proposées pour la concession d'aquaculture et de pêche ;
- 3° un mémoire exposant un plan d'activités, la nature des activités envisagées, les méthodes et engins de pêche que le demandeur compte utiliser, le personnel que le demandeur compte employer, les objectifs de production et de commercialisation ainsi que toute information jugée utile ;
- 4° une note détaillée précisant les capacités financières du demandeur eu égard à l'opération projetée ;
- 5° la durée pour laquelle la concession est sollicitée, la durée prévue pour réaliser les aménagements nécessaires.

Ce dossier technique est annexé au contrat de location de concession et en fait partie intégrante.



**Ingingo ya 9: Amategeko agenga amasezerano y'igikingi**

Uhawe igikingi yubahiriza :

- 1° amategeko ariho agenga ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi;
- 2° ibikubiye n'ibisabwa mu masezerano y'ubukode bw'igikingi;
- 3° ibisabwa muri dosiye y'ibyangombwa by'umushinga.

**UMUTWE WA III: IBIHANO**

**Ingingo ya 10: Ibihano**

Umuntu wese uzakora ibikorwa by'uburobyi arenze ku ngingo imwe cyangwa nyinshi zigize iri teka azahabwa ibihano hakurikijwe amategeko ariho.

**UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 11: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Article 9: Regulations applicable to the concession contract**

The concession holder shall abide by:

- 1° the aquaculture and fisheries laws in force;
- 2° the terms and conditions of the concession contract;
- 3° the terms and conditions of the technical document.

**CHAPTER III : PENALTIES**

**Article 10: Penalties**

Any person engaged in fishing in contravention of one or several provisions of this Order shall be liable to penal and administrative penalties provided by the laws in force.

**CHAPTER IV : FINAL PROVISIONS**

**Article 11 : Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 9: Règlements applicables au contrat de concession**

Le concessionnaire doit se conformer :

- 1° à la législation en vigueur en matière d'aquaculture et de pêche ;
- 2° aux termes et conditions du contrat de concession ;
- 3° aux termes et conditions du dossier technique.

**CHAPITRE III : SANCTIONS**

**Article 10: Sanctions**

Toute personne se livrant à l'activité de pêche en contravention à l'une ou plusieurs des dispositions du présent arrêté est passible des sanctions pénales et administratives prévues par la législation en vigueur.

**CHAPITRE IV : DISPOSITIONS FINALES**

**Article 11 : Disposition abrogatoire**

Toutes dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Ingingo ya 12: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ryatangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 26/11/2010

(sé)  
**KALIBATA Agnes**  
Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 12: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 26/11/2010

(sé)  
**KALIBATA Agnes**  
Minister of Agriculture and Animal Resources

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/ Attorney General

**Article 12: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 26/11/2010

(sé)  
**KALIBATA Agnes**  
Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales

**Vu et Scellé du Sceau de la République :**

(sé)  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**UMUGEREKA KU ITEKA RYA  
MINISITIRI N° 006/11.30 RYO KUWA  
18/11/2010 RIGENA IMITERERE  
Y'AMASEZERANO Y'UBUKODE  
BW'IGIKINGI CY'UBUROBYI  
N'IGIKINGI CY'UBWOROZI BWO MU  
MAZI N'IBIYAKUBIYEMO**

**ANNEX TO THE MINISTERIAL ORDER  
N° 006/11.30 OF 18/11/2010 DETERMINING  
THE FORM AND CONTENT OF THE  
AQUACULTURE AND FISHING  
CONCESSION CONTRACT**

**ANNEXE A L'ARRETE MINISTERIEL N°  
006/11.30 DU 18/11/2010 DETERMINANT  
LA FORME ET LE CONTENU DU  
CONTRAT DE LOCATION DE  
CONCESSION D'AQUACULTURE ET DE  
PECHE**

**URUGERO RW'AMASEZERANO  
Y'UBUKODE BW'IGIKINGI**

**STANDARD CONCESSION CONTRACT**

**MODELE DE CONTRAT DE CONCESSION**

Minisitiri w'Ubuhanzi n'Ubworozi (Umuyobozi utanga igikingi muri aya amasezerano)

The Minister of Agriculture and Animal Resources (hereafter called the conceding authority),

Le Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales (ci-après désigné l'autorité concédante),

na

and

et

Izina: .....

Name: .....

Nom: .....

Aho afatira ibyangombwa (niba ari umuntu ku giti cye) : .....

Domicile of the person (for an individual) .....

Domicile de la personne (s'il s'agit d'une personne physique) : .....

Izina ry'isosiyete (igihe ari isosiyeti) : .....

Corporate name (for a legal entity): .....

Raison sociale (s'il s'agit d'une personne morale): .....

.Iyandikisha: .....

Registration: .....

.Immatriculation: .....

Icyicaro cy'isosiyete: .....

Headquarters of the company: .....

Siège de la société : .....

Amazina y'uuyihagarariye n'icyo ashinzwe: .....

(Uhawe igikingi muri aya masezerano).

Name, first name, title of the representative: .....

(hereafter called Concession Holder)

Nom, prénom, qualité de son représentant: .....

(Ci-après désigné le concessionnaire).

Bagiranye amasezerano akurikira :

**Ingingo ya mbere: Ishingiro ry'amasezerano.**

Aya masezerano y'ubukode bw'igikingi yemejwe hakurikijwe ingingo z'itegeko n° 58/2008 ryo ku wa 10/09/2008 ryerekeye imitunganyirize n'imicungire y'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi mu Rwanda, n'Iteka rya Minisitiri n° ..... ryo ku wa ..... rigena imiterere y'amasezerano y'ubukode bw'igikingi cy'uburobyi n'igikingi cy'ubworozi bwo mu mazi n'ibiyakubiyemo

**Ingingo ya 2: Imiterere y'igikingi gitanzwe**

Umuyobozi utanga igikingi ahaye uhawe igikingi ahantu ho gukorera ubworozi bwo mu mazi hateye hatya :

.....  
.....

**Ingingo ya 3: Inshingano z'uhawe igikingi**

Uhawe igikingi yiyemeje gukora imirimo ye kandi agakoresha ibikoresho byo gutunganya igikingi nk'uko bivugwa mu idosiye y'ibyangombwa biri mu mugereka w'aya masezerano. Iyo dosiye iri mu bigize aya masezerano.

**Ingingo ya 4: Ibigomba kubahirizwa**

Abagiranye amasezerano biyemeje kubahiriza ibi bikurikira :

Agree as follows:

**Article One: Basis of the contract**

This concession contract is concluded in accordance with the provisions of the Law n° 58/2008 of 10/09/2008 on the organization of aquaculture and fishing in Rwanda and Ministerial Order n° ..... of..... determining the form and content of the aquaculture and fishing concession contract.

**Article 2: Structure of the concession**

The conceding authority provides the concession holder with an aquaculture perimeter described as follows:

.....  
.....

**Article 3: Obligations of the concession holder**

The concession holder shall carry out work and equipment installation and fitting under the conditions defined in the technical document annexed to this contract. This technical document shall be an integral part of this contract.

**Article 4: Honored provisions**

The contractors shall respect:

Convient de ce qui suit :

**Article premier : Base du contrat**

Le présent contrat de concession est conclu conformément aux dispositions de la Loi n° 58/2008 du 10/09/2008 portant organisation de l'aquaculture et la pêche au Rwanda et à l'Arrêté Ministériel n° .....du ..... déterminant la forme et le contenu du contrat de location de concession d'aquaculture et de pêche.

**Article 2 : Structure de la concession**

L'autorité concédante met à la disposition du concessionnaire le périmètre d'aquaculture dont la description suit :

.....  
.....

**Article 3 : Engagement du concessionnaire**

Le concessionnaire s'engage à réaliser les travaux et ouvrages d'équipement et d'aménagement dans les conditions définies par le dossier technique annexé au présent contrat. Ce dossier technique fait partie intégrante du présent contrat.

**Article 4 : Dispositions à respecter**

Les contractants s'engagent au respect :

- 1° amategeko ariho agenga ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi;
- 2° ibikubiye mu bisabwa n'aya masezerano;
- 3° ibikubiye muri aya masezerano no mu idosiye y'ibyangombwa bisabwa;

- 1° the law on aquaculture and fisheries in force;
- 2° the terms and conditions of this contract;
- 3° the terms and conditions of the technical document annexed to this contract;

- 1° de la législation en vigueur en matière d'aquaculture et de pêche ;
- 2° des termes des conditions du présent contrat ;
- 3° des termes et conditions du dossier technique annexé au présent contrat ;

Amasezerano y'ubukode bw'igikingi ashobora guhindurwa cyangwa agaseswa bitewe no kutubahiriza amategeko n'inyandiko byavuzwe haruguru nk'uko biteganywa n'amategeko.

Failure to abide by the laws and documents stated below shall involve the modification or implementation of the concession contract under the conditions set out by the law.

Le non respect des textes et documents ci-dessous définis entraîne la modification ou la réalisation du contrat de concession dans les conditions fixées par la loi.

**Ingingo ya 5: Uruhare rw'umuyobozi utanga igikingi**

**Article 5: Intervention of conceding authority**

**Article 5: Intervention de l'autorité concédante**

Uhawe igikingi yiyemeje kwemerera abahagarariye umuyobozi watanze igikingi kugera aho igikingi cy'uburobyi gihereye. Na none kandi, uhawe igikingi yiyemeje kwemera igikorwa cyose cy'uburobyi bw'ubushakashatsi cyemejwe n'umuyobozi utanga igikingi.

The concession holder shall allow the representatives of the conceding authority to have free access to the fishing concession. Moreover, the concession holder shall permit any scientific fishing operation approved by the conceding authority.

Le concessionnaire s'engage à permettre aux représentants de l'autorité concédante le libre accès à la concession de pêche. Par ailleurs, le concessionnaire s'engage à permettre toute opération de pêche à but scientifique approuvé par l'autorité concédante.

**Ingingo ya 6: Imibare igaragaza umusaruro na raporo ya buri kwezi**

**Article 6: Monthly statistical data and report**

**Article 6: Relevés statistiques et rapport mensuel**

Uhawe igikingi yiyemeje kujya abika imibare igaragaza neza umusaruro w'ubworozi bwe.

The concession holder shall keep detailed statistical data on the captures.

Le concessionnaire s'engage à tenir des relevés statistiques détaillés des captures réalisées.

Uhawe igikingi agomba gukora raporo ya buri kwezi igaragaza imibare yavuzwe haruguru kimwe n'andi makuru yose y'ingirakamaro.

The concession holder shall make a monthly report in which the aforementioned statistical data and any useful information shall be included.

Le concessionnaire doit établir un rapport mensuel dans lequel figurent les données statistiques ci-dessus mentionnées ainsi que toute information utile.

**Ingingo ya 7 : Inshingano z'utanze igikingi**

Umutegetsi utanze igikingi yiyemeza korohereza mu mirimo ye, ku buryo bushoboka bwose, uhawe igikingi ; by'umwihariko, umutegetsi utanze igikingi agomba kwihutisha itangwa ry'ibyangobwa, ibyemezo by'uburobyi n'ibindi bikenewe kugira ngo igikingi gitangire kubyazwa umusaruro.

**Ingingo ya 8: Ivugururwa cyangwa iseswa ry'amasezerano**

Ivugururwa cyangwa iseswa ry'aya masezerano bishobora kubaho gusa bitewe n'impamvu zivugwa mu itegeko rigena imitunganyirize y'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi mu Rwanda.

**Ingingo ya 9: Ubukode**

Ubukode bw'igikingi bujyana n'ubwishyu bw'amafaranga y'ubukode angana na ..... kandi yishyurwa buri ..... Ingingo y'amafaranga y'ubukode bw'igikingi ntishobora guhindurwa, keretse bikoze mu buryo buteganywa n'amategeko.

**Ingingo ya 10: Ikemurwa ry'amakimbirane**

Amakimbirane yose yaturuka ku misobanurire, ishyingirwa mu bikorwa ry'amategeko n'inyandiko bivugwa mu ingingo ya 5 y'aya masezerano agomba gukemurwa mbere na mbere mu buryo

**Article 7 : Obligations of conceding authority**

The conceding authority shall facilitate as far as possible the work of the concession holder; in particular, the conceding authority will show diligence in the granting of any administrative document, fishing licenses and others necessary for the development of the concession.

**Article 8: Modification or cancellation of the contract**

This contract may be modified or cancelled only on the grounds specified by the law on the organization of aquaculture and fisheries in Rwanda.

**Article 9: Concession**

The concession requires payment of a royalty fixed at ..... and payable every..... The amount of the concession shall not be modified except in the cases provided for by the law.

**Article 10: Dispute settlement**

Any dispute arising from the interpretation and application of the laws and document defined in Article 5 of this contract shall be settled first by way of negotiation. Such a dispute shall be

**Article 7 : Engagements de l'autorité concédante**

L'autorité concédante s'engage à faciliter dans toute la mesure du possible le travail du concessionnaire ; en particulier l'autorité concédante fera preuve de diligence dans l'octroi de tout document administratif, licences de pêche et autres, nécessaire à la mise en valeur de la concession.

**Article 8 : Modification ou résiliation du contrat**

La modification et la résiliation du présent contrat ne peut avoir lieu que pour les raisons spécifiées par la loi portant organisation de l'aquaculture et la pêche au Rwanda.

**Article 9 : Redevance**

La concession donne lieu au paiement d'une redevance fixée à .....et payable tous les .....Le montant de la redevance ne peut être modifié sauf dans les cas prévus par la loi.

**Article 10 : Règlement des différends**

Tout différend quant à l'interprétation et l'application des textes et document définis à l'article 5 du présent contrat doit être résolu avant tout par voie de négociation. Un tel

bw'imishyikirano. Amakimbirane nk'aya agomba kumenyeshwa umwe mu bagiranye amasezerano hakoreshejwe ibaruwa ishinganye n'inyandiko yemeza ko yamugezeho.

**Ingingo ya 11: Kwitabaza urukiko**

Iyo amakimbirane adashoboye gukemuka ku bwumvikane mu gihe cy'amezi atatu (3) nyuma yo kubona ibaruwa ishinganye, ajyanwa mu nkiko bisabwe n'umwe mu bagiranye amasezerano.

**Ingingo ya 12: Ingingo zihariye**

Aya masezero agomba kubahiriza izi ngingo zihariye :

.....  
.....  
.....

**Ingingo ya 13: Igihe amasezerano atangira gukurikizwa**

Aya masezerano azatangira kubahirizwa guhera ku wa ..... Afite agaciro k'igihe ..... uhereye kuri iyi tariki. Ashobora kongererwa igihe hakurikijwe ingingo ziteganywa n'amategeko yerekeye ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi.

(sé)

**Umuyobozi utanze igikingi**

notified to the contractor by sending a registered letter with acknowledgement of receipt.

**Article 11: Referring to the Court**

In the event there no amicable settlement within three (3) months following the receipt of the registered letter, the dispute may be referred to relevant jurisdictions upon the request of one of the parties to the contract.

**Article 12: Special conditions**

This contract shall abide by the following special conditions:

.....  
.....  
.....

**Article 13: Commencement of the contract**

This contract takes effect as of..... It is valid for a period of.....as of this date. It shall be renewable in accordance with the conditions defined by the law on aquaculture and fishing in force.

(sé)

**Conceding authority**

différend doit être porté à la connaissance du contractant par l'envoi d'une lettre recommandée avec accusé de réception.

**Article 11 : Recours juridictionnel**

Si aucun règlement amiable ne survient dans les trois (3) mois qui suivent la réception de la lettre recommandée, le différend est porté devant les instances judiciaires compétentes à la requête de l'une des parties au contrat.

**Article 12 : Conditions spéciales**

Le présent contrat est soumis aux conditions spéciales suivantes :

.....  
.....  
.....

**Article 13 : Mise en vigueur du contrat**

Le présent contrat prend effet à compter du .....Il est valable pour une période de.....à compter de cette date. Il est renouvelable aux conditions fixées par la législation en vigueur en matière d'aquaculture et pêche.

(sé)

**L'autorité concédante**

(sé) <b>Uhawe igikingi</b>	(sé) <b>Concession Holder</b>	(sé) <b>Le concessionnaire</b>
<b>Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri n° 006/11.30 ryo kuwa 18/11/2010 rigena imiterere y'amasezerano y'ubukode bw'igikingi cy'uburobyi n'igikingi cy'ubworozi bwo mu mazi n'ibiyakubiyemo.</b>	<b>Seen to be annexed to the Ministerial Order n° 006/11.30 of 18/11/2010 determining the form and content of the aquaculture and fishing concession contract.</b>	<b>Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministériel n° 006/11.30 du 18/11/2010 déterminant la forme et le contenu du contrat de location de concession d'aquaculture et de pêche.</b>
Kigali, kuwa 18/11/2010	Kigali, on 18/11/2010	Kigali, le 18/11/2010
(sé) <b>KALIBATA Agnes</b> Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi	(sé) <b>KALIBATA Agnes</b> Minister of Agriculture and Animal Resources	(sé) <b>KALIBATA Agnes</b> Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales
<b>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:</b>	<b>Seen and sealed with the Seal of the Republic:</b>	<b>Vu et scellé du Sceau de la République :</b>
(sé) <b>KARUGARAMA Tharcisse</b> Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta	(sé) <b>KARUGARAMA Tharcisse</b> Minister of Justice/ Attorney General	(sé) <b>KARUGARAMA Tharcisse</b> Ministre de la Justice/Garde des Sceaux



ITEKA RYA MINISITIRI N° 007/11.30 RYO KUWA 18/11/2010 RIGENA IBISHINGIRWAHO MU GUTANGA URUHUSHYA RW'UBUROBYI N'IGIHE RUMARA

MINISTERIAL ORDER N° 007/11.30 OF 18/11/2010 DETERMINING THE REQUIREMENTS FOR ISSUANCE OF FISHING LICENSE AND ITS PERIOD OF VALIDITY

ARRETE MINISTERIEL N° 007/11.30 DU 18/11/2010 DEFINISSANT LES CRITERES D'OCTROI DES LICENCES DE PECHE ET LEUR VALIDITE

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mberere:** Ikigamijwe muri iri teka  
**Ingingo ya 2:** Kugira uruhushya

**Ingingo ya 3:** Ubwoko bw'impushya

**Ingingo ya 4:** Nyiri uruhushya

**Ingingo ya 5:** Ubwishyu

**Ingingo ya 6:** Gusaba uruhushya

**Ingingo ya 7:** Igihe uruhushya rumara, ihindurwa ryarwo no guhabwa undi

**Ingingo ya 8:** Ibisabwa n'ibikurikizwa mu itangwa ry'uruhushya

**Ingingo ya 9:** Igitabo cy'impushya

**Ingingo ya 10:** Igihe ikoresha ry'impushya ritangirira

**Ingingo ya 11:** Kwerekana uruhushya

**Ingingo ya 12 :** Kubahiriza ibiteganyijwe mu ruhushya

**Ingingo ya 13 :** Ibisabwa kubahirizwa byihariye

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One:** Purpose of this Order

**Article 2:** Obligation to hold a license

**Article 3:** Types of license

**Article 4:** Licensee

**Article 5:** License fee

**Article 6:** Application for a license

**Article 7:** Duration, renewal and transfer of a license

**Article 8:** Conditions and criteria for granting the license

**Article 9:** Register of licenses

**Article 10:** Commencement of the license

**Article 11:** Presentation of the license

**Article 12:** Respect for license regulations

**Article 13:** Specific requirements

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier:** Objet de l'arrêté

**Article 2:** Obligation de possession d'une licence

**Article 3:** Types de licences

**Article 4:** Titulaire de la licence

**Article 5:** Redevance

**Article 6:** Demande de licences

**Article 7:** Durée, renouvellement, transfert d'une licence

**Article 8:** Conditions et critères d'attribution d'une licence

**Article 9:** Registre des licences

**Article 10:** Début du système des licences

**Article 11:** Présentation de la licence

**Article 12 :** Respect des prescriptions de la licence

**Article 13 :** Prescriptions spécifiques

**UMUTWE WA II: IMIKORESHEREZWE  
Y'IMPUSHYA Z'UBUROBYI  
BW'UMUKINO**

**Ingingo ya 14:** Ubwoko bw'impushya z'uburobyi bw'umukino n'ibiziranga  
**Ingingo ya 15 :** Umuyobozi ushinzwe gutanga uruhushya rw'uburobyi bw'umukino  
**Ingingo ya 16 :** Imikoreshereze y'uruhushya rw'uburobyi bw'umukino

**UMUTWE WA III : IMPUSHYA  
Z'UBUROBYI BW'UMWUGA**

**Ingingo ya 17:** Ubwoko bw'impushya z'uburobyi bw'umwuga  
**Ingingo ya 18 :** Umuyobozi utanga impushya z'uburobyi bw'umwuga  
**Ingingo ya 19 :** Ibyihariye ku bwoko bw'impushya z'uburobyi bw'umwuga  
**Ingingo ya 20 :** Imikoreshereze y'uruhushya rw'uburobyi bw'umwuga

**UMUTWE WA IV : IMPUSHYA  
Z'UBUSHAKASHATSI**

**Ingingo ya 21 :** Uburobyi bw'ubushakashatsi

**UMUTWE WA V: KWIMWA  
URUHUSHYA, KURUSUBIKA NO  
KURUVANAHO**

**Ingingo ya 22 :** Kudatanga cyangwa kutavugurura uruhushya

**CHAPTER II: USE OF SPORT LICENSE**

**Article 14:** Types and characteristics of sport licenses  
**Article 15:** Authority issuing the sport fishing license  
**Article 16:** Scope of application of the sport fishing license

**CHAPTER III: SYSTEM OF  
PROFESSIONAL LICENSES**

**Article 17:** Types of professional licenses  
**Article 18:** Authority issuing professional licenses  
**Article 19:** Specific characteristics of professional licenses  
**Article 20:** Scope of application of professional license

**CHAPTER IV: RESEARCH LICENSE  
SYSTEM**

**Article 21:** Scientific fishing

**CHAPTER V: REFUSAL, SUSPENSION  
AND REVOCATION OF A LICENSE**

**Article 22:** Refusal to grant or renew a license

**CHAPITRE II: REGIME DES LICENCES  
SPORTIVES**

**Article 14:** Types et caractéristiques des licences sportives  
**Article 15:** Autorité délivrant la licence sportive  
**Article 16:** Champ d'application de la licence sportive

**CHAPITRE III: REGIME DES LICENCES  
PROFESSIONNELLES**

**Article 17:** Types des licences professionnelles  
**Article 18 :** Autorité délivrant les licences professionnelles  
**Article 19:** Particularités sur les types des licences professionnelles  
**Article 20:** Champ d'application de la licence professionnelle

**CHAPITRE IV : REGIME DES LICENCES  
DE RECHERCHE**

**Article 21 :** Pêche scientifique

**CHAPITRE V: REFUS, SUSPENSION ET  
REVOCATION D'UNE LICENCE**

**Article 22 :** Refus de l'octroi ou du renouvellement d'une licence

**Ingingo ya 23** : Impamvu zo kumatanga cyangwa kutavugurura uruhushya

**Article 23**: Reasons of refusal

**Article 23** : Motivation du refus

**Ingingo ya 24** : Gusubiza amafaranga y'uruhushya iyo habaye ivanwaho cyangwa isubikwa ry'uruhushya

**Article 24**: Reimbursement in the event of revocation or suspension of a license

**Article 24** : Remboursement en cas de révocation ou suspension d'une licence

**UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA**

**CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES**

**Ingingo ya 25** : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

**Article 25**: Repealing of inconsistent provision

**Article 25**: Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 26** : Igihe iteka ritangirira gukurikizwa

**Article 26** : Commencement

**Article 26** : Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 007/11.30 RYO KUWA 18/11/2010 RIGENA IBISHINGIRWAHO MU GUTANGA URUHUSHYA RW'UBUROBYI N'IGIHE RUMARA**

**MINISTERIAL ORDER N° 007/11.30 OF 18/11/2010 DETERMINING THE REQUIREMENTS FOR ISSUANCE OF FISHING LICENSE AND ITS PERIOD OF VALIDITY**

**ARRETE MINISTERIEL 007/11.30 DU 18/11/2010 DEFINISSANT LES CRITERES D'OCTROI DES LICENCES DE PECHE ET LEUR VALIDITE**

**Minisitiri w'Ubuhanzi n'Ubworozi,**

**The Minister of Agriculture and Animal Resources,**

**Le Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2000, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'iya 201 ;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201 ;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo kuwa 08/04/2005 ryerekeye uburyo bwo kurinda, gufata neza no kubungabunga ibidukikije mu Rwanda ;

Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining the modalities of environment protection, conservation and development in Rwanda;

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 08/2005 ryo kuwa 14/07/2005 rigena imikoreshereze y'ubutaka mu Rwanda ;

Pursuant to Organic Law n° 08/2005 of 14/07/2005 establishing the use and management of land in Rwanda;

Vu la Loi Organique n° 08/2005 du 14/07/2005 portant régime foncier au Rwanda;

Ashingiye ku Itegeko n° 58/2008 ryo kuwa 10/09/2008 ryerekeye imiterere y'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 16;

Pursuant to Law n° 58/2008 of 10/09/2008 determining the organization and management of aquaculture and fishing in Rwanda, especially in Article 16;

Vu la Loi n° 58/2008 du 10/09/2008, portant organisation de l'aquaculture et de la pêche du Rwanda, spécialement en son article 16;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 09/07/2010, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After examination and approval by the Cabinet in its session of 09/07/2010;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 09/07/2010 ;

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE :**

**UMUTWE WA MBERE : INGINGO  
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS  
GENERALES**

**Ingingo ya mbere : Ikigamijwe muri iri teka**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier : Objet du présent  
arrêté**

Iri teka rigena uburyo bwo gutanga impushya z'uburobyi.

This Order determines the terms and conditions for granting fishing licenses.

Le présent arrêté détermine les modalités d'octroi des licences de pêche.

**Ingingo ya 2: Kugira uruhushya**

**Article 2: Obligation to hold a license**

**Article 2: Obligation de possession d'une  
licence**

Umuntu wese ushaka gukora ubworozi mu mazi rusange y'u Rwanda agomba kugira uruhushya ruteye nk'urugero ruri mu mugereka w'iri teka.

Fishing in free waters of Rwanda shall be subjected to the holding of a license in conformity with the standard form in annex to this Order.

La pratique de la pêche dans les eaux libres du Rwanda est soumise à la possession d'une licence conforme au modèle annexé au présent arrêté.

**Ingingo ya 3: Ubwoko bw'impushya**

**Article 3: Types of licenses**

**Article 3: Types de licences**

Uruhushya rw'uburobyi rushobora kuba urw'uburobyi bw'umukino, bw'umwuga cyangwa bw'ubushakashatsi.

A fishing license may be for sport, professional or for research.

La licence de pêche peut être sportive, professionnelle ou de recherche.

Ubuurobyi bugamije umukino ni uburobyi bukoresha indobane zitarenze ebyiri.

Fishing intended for sport is one which do not use more than two hooks.

Est réputé pêcheur sportif le pêcheur à la ligne n'utilisant pas plus de deux cannes et deux hameçons.

Umurobyi wabigize umwuga ni umurobyi ukoresha indobane zirenze ebyiri kimwe n'undi murobyi ukoresha ikindi gikoresho cy'uburobyi cyemewe.

A professional fisherman is one who uses more than two fishing hooks as well as any other fisherman who uses any other authorized fishing device.

Est réputé pêcheur professionnel le pêcheur à la ligne utilisant plus de deux cannes ou plus deux hameçons ainsi que tout pêcheur utilisant tout autre engin de pêche ou matériel de pêche autorisé.

Umurobyi ugamije ubushakashatsi ni umuntu ku

A research fisherman is an individual or an

Est réputé pêcheur de recherche tout individu ou

giti cye cyangwa ikigo gikora umurimo ugamije gukora ubushakashatsi mu mazi cyangwa ku buzima bw'ibinyabuzima biba mu mazi, ariko akaba afite uruhushya rwa Minisitiri ufite uburobyi n'ubworozi bwo mu mazi mu nshingano ze.

**Ingingo ya 4: Nyiri uruhushya**

Uruhushya rw'umurobyi ni urwa nyirarwo gusa.

Ku burobyi bw'umwuga bukoresha ibindi bikoresho by'uburobyi, uruhushya ruhabwa itsinda ry'uburobyi. icyo gihe abantu benshi bashobora kwandikwa kuri urwo ruhushya nka ba nyirarwo; bapfa kuba bafite amasezerano y'ubufatanye.

Ku burobyi bw'ubushakashatsi, uruhushya ruhabwa umuntu wese wujuje ibisabwa kugira ngo hatangwe uruhushya rw'uburobyi bw'ubushakashatsi.

**Ingingo ya 5: Ubwishyu**

Ihabwa ry'uruhushya rw'uburobyi n'ihindurwa ryarwo birishyurwa; umubare w'amafaranga yishyurwa ushyirwaho n'amabwiriza atangwa n'urwego rushinzwe ubuyobozi bw'uburobyi n'ubworozi bwo mu mazi.

**Ingingo ya 6: Gusaba uruhushya**

Umuntu usaba uruhushya rw'uburobyi cyangwa kongerewa igihe agomba kugaragaza amazi azakoreramo n'ubwoko bw'uburobyi azakora. Umuyobozi utanga uruhushya afite

institution involved in any activity aimed at conducting research on aquatic life of water organisms, provided that he/she has authorization from the Minister in charge of aquaculture and fisheries.

**Article 4: Licensee**

The license of a fisherman is personal.

For professional fishing involving any other fishing equipment, the license shall be issued to a group of fishermen. In such a case, several persons may be registered on the fishing license as license owners provided that they have a collaboration contract.

For research fishing, the license shall be issued to any person who fulfills the requirements for issuance of research fishing license.

**Article 5: License fee**

Issuance and renewal of a fishing license shall be subjected to payment; the amount of fee to be paid shall be fixed by the directives from the organ in charge of aquaculture and fisheries administration.

**Article 6: Application for a license**

Any person who applies for fishing license or its renewal shall specify the water body and type of fishing for which the application is made. The issuing authority has the right to

institution engagé dans une activité visant à mener une recherche sur le milieu aquatique ou sur la vie des organismes aquatiques, pourvu qu'il dispose d'une autorisation du Ministre ayant l'aquaculture et la pêche dans ses attributions.

**Article 4: Titulaire de la licence**

La licence d'un pêcheur à la ligne est personnelle.

Pour les pêches professionnelles impliquant d'autres engins de pêche, la licence est rattachée à l'unité de pêche. Dans ce dernier cas plusieurs personnes pourront figurer sur la licence de pêche en tant que titulaires moyennant un contrat de collaboration.

Pour les pêches de recherches, la licence est attribuée à toute personne répondant aux exigences d'octroi de la licence de pêche de recherche.

**Article 5: Redevance**

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 09/07/2010;

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISION**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITION GENERALE**

**Ingingo ya mbere:** icyo iri teka rigamije Iri teka rigamije kugenzura no kubuza izerera ry'amatungo n'izindi nyamaswa zororerwa mu rugo mu Rwanda.

**Article One: Purpose of this Order**  
This Order regulates the control of stray cattle and other domestic animals in Rwanda.

**Article premier: Objet du présent arrêté**  
Le présent arrêté régit le contrôle de la divagation du bétail et autres animaux domestiques au Rwanda.

**UMUTWE WA II: IZERERA RY'AMATUNGO YORORERWA MU RUGO AZWIHO UBWITONZI**

**Ingingo ya 2: Izerera ry'amatungo mu migi n'ahandi**

Ifarasi, inka, intama, ihene, ingurube, inkoko, imbata, n'ibindi biguruka ndetse n'inyamaswa z'ishyamba zorowe mu rugo zizwiho ubwitonzi zibujijwe kuzerera mu migi, mu mihanda rusange no mu masambu y'abandi.

Itungo ryose ryorowe mu Rwanda rigomba kwororerwa mu kiraro cyangwa mu rwuri ruzwi. Itungo risanzwe aho ritororerwa nta ruhushya rw'ubuyobozi bubifiye ububasha rifatwa nk'itungo rizerera.

Uretse inuma, izerera ry'amatungo aguruka rirabujijwe mu mihanda no mu masambu y'abandi.

Buri muntu wese worora amatungo aguruka abujijwe kuzerera, agomba kuyafungira mu kigo gifite uruzitiro rufite ubuhagarike bwa metero ebyiri (2) nibura.

Ibibuti n'izindi nyubako zigenewe ubworozi bw'amatungo aguruka bigomba kuba kuri metero ebyiri (2) nibura uvuye ku nzira rusange kandi ntibibangamire abaturanyi.

**CHAPTER II: NON DANGEROUS STRAY DOMESTIC ANIMALS**

**Article 2: Stray animals in cities and elsewhere**

Stray horses, cattle, sheep, goat, swine, poultry and all tamed wild animals deemed not dangerous or harmful are prohibited in urban areas, on public roads and in other people's properties.

All animal husbandry in Rwanda should be carried out in a kraal or specifically known farm. Shall be considered as stray animal any animal found without any authorization from the concerned authority at a place other than where it is normally kept.

Stray poultry other than pigeons on public street and in other people's properties is prohibited.

Farmers that keep poultry that are prohibited from rambling shall make sure that this poultry is kept within two meters (2) of height at least.

Any poultry farm and other buildings to house poultry shall be at least two (2) meters away from public road and shall not be a source of disturbance for the neighbourhood.

**CHAPITRE II: DIVAGATION DES ANIMAUX DOMESTIQUES RECONNUS NON DANGEREUX OU NON NUISIBLES**

**Article 2: Divagation des animaux dans les villes et ailleurs**

Est interdite dans les circonscriptions urbaines, sur la voie publique et dans les propriétés d'autrui, la divagation des équidés, bovidés, ovidés, capridés, suidés, volailles ainsi que de tous les animaux sauvages apprivoisés réputés non dangereux ou nuisibles.

Tout élevage d'animaux au Rwanda doit se faire dans une étable ou dans une ferme connue. Est considéré comme animal divaguant, tout animal trouvé sans aucune autorisation de l'autorité compétente sur un lieu autre que celui où il est élevé.

La divagation de la volaille autre que celle des pigeons sur la voie publique et dans les parcelles d'autrui est interdite.

Chaque éleveur de la volaille dont la divagation est interdite doit la garder dans un enclos dont la hauteur est de deux mètres (2) au minimum.

Toute ferme avicole et tout autre bâtiment destiné à abriter l'élevage de la volaille doit se situer au moins à deux (2) mètres de la voie publique et ne doivent pas gêner le voisinage.

**Ingingo ya 3: Itembera ry'amatungo**

Mu gihe bibaye ngombwa ko amatungo avanwa ahantu ajyanwa ahandi kandi bigakorwa byatangiwe uruhushya n'ubuyobozi bubifitiye ububasha, itembera ry'amatungo rikorwa ku buryo bukurikira:

- 1° inka zirongorwa n'abashumba ku buryo buri mushumba arongora inka zitarenze umunani (8);
- 2° amatungo magufi arongorwa n'abashumba ku buryo buri mushumba arongora amatungo magufi atarenze makumyabiri (20). Uko byagenda kose abashumba ntibagomba kuba muni ya babiri (2);
- 3° amafarasi adakurura imizigo agomba gutemberezwa afashwe ku ishumi yayo;
- 4° inyamaswa z'ishyamba zorowe mu rugo zizwiho ubwitonzi zigomba gutemberezwa zifashwe kw'ishumi yazo.

Iyo bibaye ngombwa, Umuyobozi w'Akarere, yerekana amayira atemerewe gucishwamo amatungo avugwa mu ingingo ya mbere igihe izerera ryayo ribujijwe.

Icyo gihe, ubuyobozi bugaragaza amayira akoreshwa bubinyujije mu itangazo ryanditse kandi rimanitswe ku biro by'ubuyobozi bw'ibanze aho byemerewe.

Cyakora, amatungo arwaye agiye kwa muganga w'amatungo ntakenera ko hatangwa itangazo.

**Article 3: Movements of animals**

When it is necessary for animals to shift from one place to another and the required authorization has been issued, the movement of these animals shall be organized as follows:

- 1° cattle shall be accompanied by herdsmen, on the basis of one herdsman per eight (8) heads of cattle;
- 2° the small animal shall be accompanied by herdsmen on the basis of one herdsman for twenty (20) heads of animals. In any case, their number shall not be below two (2) herdsmen ;
- 3° non harnessed horses shall be shifted by means of a lead;
- 4° tamed wild animals deemed not dangerous or harmful, shall be kept on a leash while being shifted.

If necessary, the Mayor of the District shall determine ways that cannot be used for the movement of animals referred to in Article One, if stray animals is prohibited.

In such circumstances, the territorial authority shall determine routes that can be used and makes it public by written notice to be posted at the office of the local government.

However, sick animals that are led to the vet place for treatment are not concerned by this notice.

**Article 3: Mouvements des animaux**

Lorsqu'il s'avère nécessaire que les animaux soient déplacés d'un lieu à un autre et que l'autorisation nécessaire a été délivrée, la circulation de ces animaux se fait de la manière suivante:

- 1° les bovidés sont accompagnés de gardiens à raison d'un gardien pour huit (8) bovins;
- 2° le petit bétail est accompagné par des gardiens à raison d'un gardien pour vingt (20) têtes d'animaux. En toute circonstance, ils ne doivent pas être en dessous de deux (2) gardiens;
- 3° les équidés non attelés sont conduits à la longe;
- 4° les animaux sauvages apprivoisés réputés non dangereux ou nuisibles, sont tenus à la laisse.

En cas de besoin, le Maire de District détermine les voies qui ne peuvent pas être empruntées pour la circulation des animaux visés à l'article premier, lorsque la divagation en est interdite.

Dans ces conditions, l'autorité territoriale détermine les voies qui pourront être empruntées et le fait savoir ou par un communiqué écrit et à afficher au bureau de l'administration locale.

Cependant, les animaux malades conduits chez le vétérinaire pour être soignés ne sont pas concernés par le communiqué.

**Ingingo ya 4: Ibyemezo biteganyirijwe amatungo azerera**

Inyamaswa cyangwa itungo rifashwe rizerera binyuranyije n'ingingo ya 2 rifatwa n'ubuyobozi rigafungirwa ahantu hazwi, rikagaburirwa kandi rikitabwaho hakoreshejwe umutungo wa nyiraryo cyangwa wa nyir'ukurizerereza.

Gufungwa kw'inyamaswa cyangwa kw'itungo ryafashwe bikorerwa inyandiko mvugo kopi yayo ikamanikwa ku biro by'ubuyobozi w'akarere.

**Ingingo ya 5: Ibiteganyirijwe ba nyir'amatungo azerera**

Kugira ngo nyir'itungo ryafunzwe arisubizwe agomba kubanza kwishyura amafaranga yakoreshejwe mu kuririnda no kurigaburira. Ayo mafaranga atangwa kuburyo bukurikira :

- 1° ifarasi : 15 000 Frw ku muni;
- 2° inka : 10 000 Frw ku muni;
- 3° intama : 1 000 Frw ku muni;
- 4° ihene : 1 000 Frw ku muni;
- 5° ingurube : 2 000 Frw ku muni;
- 6° ibiguruka : 300 Frw ku muni.

Amafanga agomba gutangwa na nyir'itungo ntagomba kujya muni y'ateganyijwe ku muni umwe.

**Article 4: Measures to be taken against stray animals**

Any stray animal that falls within the provisions of Article 2 shall be captured by the administration, impounded, maintained and fed at the expense of the owner or any other person who is responsible for the wandering of the animal.

The impounding of a stray animal shall require a statement on the fact, of which a copy, as a notice to the public, shall be posted at the administration office.

**Article 5: Measures to be taken against owners of stray animals**

The owner or other person who is responsible for impounded animal shall pay for the caretaking and feeding costs for the animal. The costs are charged as follows:

- 1° for horses: 15,000 RWF per day;
- 2° for cattle: 10,000 RW per day;
- 3° for sheep : RWF 1000 per day;
- 4° for goat RWF 1000 per day;
- 5° For swine: RWF 2000 per day;
- 6° For poultry: 300 RWF per day.

The amount payable shall in no case be less than that for a full day charge.

**Article 4: Mesures prévues pour les animaux en divagation**

Tout animal dont la divagation tombe sous l'application de l'article 2 sera capturé par les soins de l'administration et mis en fourrière ou il sera nourri et gardé aux frais du propriétaire ou de toute autre personne responsable de cette divagation.

La mise en fourrière d'un animal divagant fera objet d'un procès verbal de constat dont une copie, servant d'avis au public sera sans délais affichée devant le bureau de l'administration.

**Article 5: Mesures prévues pour les propriétaires des animaux en divagation**

Le propriétaire ou toute autre personne responsable doit, pour rentrer en possession de l'animal mis en fourrière, payer le montant des frais de gardiennage et de nourriture de l'animal. Ces frais sont estimés comme suit:

- 1° pour les équidés : 15 000 Frw par jour;
- 2° pour les bovidés : 10 000 Frw par jour;
- 3° pour les moutons : 1 000 Frw par jour;
- 4° pour les chèvres : 1 000 Frw par jour;
- 5° pour les suidés: 2 000 Frw par jour;
- 6° pour la volaille: 300 Frw par jour.

Le montant des frais à payer n'est en aucun cas inférieur à celui d'une journée entière.



Umubare w'amafaranga yo kurinda no kugaburira inyamaswa z'ishyamba zororewe mu rugo kandi zizwiho ubwitonzi ugenwa n'Umuyobozi w'Akarere ashingiye ku nama zanditse z'umuganga w'amatungo ubishinzwe.

Izo nyamaswa zishobora kwicwa igihe cyose Ubuyobozi bubifitiye ububasha busanze kuzitunga bihenze cyangwa se bibangamiye umutekano.

Mu gihe itungo cyangwa inyamaswa ifunze ipfuye, nyirayo ntacyo agomba kwishyura ubuyobozi bireba.

Inka cyangwa ifarasi ifunzwe igihe kirengeje iminsi cumi n'itanu (15) cyangwa irindi tungo rifunze mu gihe kirengeje iminsi itatu (3), nyirayo ataraza kuyibaza igurishwa mu cyamunara. icyamunara gikoreshwa n'ubuyobozi bubifitiye ububasha nyuma y'amasha makumyabiri n'ane (24) hamanitswe itangazo rikimenyeshya.

Amafara avuye mu cyamunara akurwaho ayakoreshejwe mu kurinda no kugaburira amatungo igihe cyose afunze, nk'uko ateganyijwe mu gika cya mbere, ahabwa nyir'itungo mu gihe cy'umwaka umwe ubarwa uherye igihe icyamunara cyabereye.

Iyo icyo gihe gishize nyir'itungo ryatejwe cyamunara atari yaza kuyafata agomba gushyirwa mu mutungo wa Leta.

The daily charge for care and food of non dangerous and non harmful tame wild animals shall be determined by the Mayor of the District in concurrence with the veterinary authority, who expresses it by written notice.

These animals can be slaughtered if the competent authority considers their maintenance dangerous or too costly.

No compensation shall be claimed from the concerned authority for the decline of the health conditions or death of animals impounded.

Impounded animals, which are not claimed within a time of fifteen (15) days for cattle and horses and three (3) days for other animals, shall be put on public sale by the territorial authority, following notice posted twenty-four (24) hours before the expiry of that period of time.

The amount got from the public sale, after deduction of care and food costs as set in Paragraph One shall be put aside and available for the owner of the animal during one year as from the day of the sale.

At the end of this time period, the amount got from the public sale shall be definitely paid into the treasury.

La taxe journalière de garde et de nourriture relative aux animaux sauvages apprivoisés et non réputés dangereux et nuisibles est fixé par le Maire de District sur base d'un avis écrit de l'autorité vétérinaire en charge.

Ces animaux peuvent être abattus à n'importe quel moment si l'autorité compétente estime leur entretien onéreux ou dangereux.

Aucune indemnité ne peut être réclamée à l'autorité concernée pour le dépérissement ou la mort des animaux mis en fourrière.

Les animaux mis en fourrière qui ne sont pas réclamés dans un délai de quinze (15) jours pour les bovidés et équidés et de trois (3) jours pour les autres animaux, sont mis en vente publique par l'autorité compétente suivant un avis au public affiché vingt quatre (24) heures avant l'expiration du délai précité.

Le montant de la vente, déduction faite des frais de nourriture et de garde fixés à l'alinéa 1 est tenu à la disposition du propriétaire pendant un an à dater du jour où la vente a eu lieu.

A l'expiration de ce délai, le produit de la vente sera définitivement versé au trésor public.

Iyo igurishwa ry'ayo matungo rinaniranye, hafatwa umwanzuro wo kuyica. Ibisigazwa byayo bishobora gutwikwa cyangwa bigakoreshwa mu nyungu rusange hakurikijwe amabwiriza y'Ubuyobozi bw'Akarere.

**Ingingo ya 6: icyemezo gifatirwa itungo cyangwa inyamaswa izerera igahungabanya umutekano**

Buri tungo cyangwa inyamaswa ifashwe izerera binyuranyije n'iri teka, igihe ubuyobozi busanze kurifata biruhije, biteye impungenge cyangwa se bibangamiye umutekano w'abantu n'ibintu, hafatwa umwanzuro wo kuryica.

Icyo gihe nta nyishyu yakwa ubuyobozi kubera urupfu rwayo.

**UMUTWE III: IZERERA RY'IMBWA**

**Ingingo ya 7: Kumenyekanisha imbwa**

Buri mbwa yambikwa umushumi ufungirwaho umudari ufite inomero. Umuntu wese utunze imbwa agomba kuyikingiza indwara y'ibisazi rimwe buri mwaka.

Mu mugi, mu nsiro no mu midugudu, umuntu wese utunze imbwa agomba kubimenyesha Ubuyobozi bwa Polisi bumwegereye cyangwa

The animals shall be slaughtered if selling them is impossible. The remains shall be destroyed or used for the benefit of the State, as directed by the District authorities.

**Article 6: Measures to be taken against stray animals that disturb the public order**

Any animal found straying around in breach of this Order, shall be shot down by the administration if its capture is difficult or dangerous or if it is feared that it can harm people or their property, or in any way disturb the tranquillity of people.

No compensation may be claimed from the authority for the death of those animals.

**CHAPTER III: STRAY DOGS**

**Article 7: Declaration on detention of dogs**

Each dog must carry a leather collar fitted with a numbered medal. Every dog owner shall ensure routine and annual immunization of dog against rabies.

In urban areas, towns and villages, any dog owner shall declare it to the nearest police station or to the Executive Secretary of the

En cas d'impossibilité de vente, les animaux seront abattus. La dépouille sera détruite ou employée au profit de l'Etat suivant les directives des autorités de District.

**Article 6: Mesures prévues pour les animaux dont la divagation trouble la sécurité publique**

Tout animal trouvé divagant en infraction au présent arrêté, pourra être abattu par les soins de l'administration si la capture est difficile ou dangereuse, ou si il y a lieu de craindre qu'il ne nuise aux personnes ou à leurs biens, ou d'une manière quelconque à la tranquillité des habitants.

Aucune indemnité ne peut être réclamée à l'administration pour la mort de ces animaux.

**CHAPITRE III: DIVAGATION DES CHIENS**

**Article 7: Déclaration sur la détention des chiens**

Chaque chien doit porter un collier en cuir sur lequel est attachée une médaille numérotée. Tout propriétaire de chien doit s'assurer de la vaccination régulière et annuelle de son chien contre la rage.

Dans les circonscriptions urbaines, agglomérations et villages, tout propriétaire de chien doit le déclarer à la station de police la plus

Umunyamabanga w'Umurenge w'aho atuye.	Nshingwabikorwa	Sector of his/her residence.	proche ou au Secrétaire Exécutif du Secteur de sa résidence.
<b><u>Ingingo ya 8:</u> Amafaranga acibwa ku izerera ry'imbwa</b>		<b><u>Article 8:</u> Penalties provided for owners of stray dogs</b>	<b><u>Article 8:</u> Sanctions prévues pour les propriétaires des chiens en divagation</b>
Mu migi ibyemezo byo ku ngingo ya 4 n'ya 5 z'iri teka bikurikizwa ku mbwa zifashwe zizerera uretse ibyerekeye amafaranga ibihumbi bitanu (5.000 Frw) ku muni yo kuzirinda no kuzigaburira.		In urban areas, the provisions of Articles 4 and 5 of this Order shall apply to any dog straying except for care and food expenses that are five thousand Rwandan francs (5,000 RWF) per day.	Dans les circonspections urbaines, les dispositions des articles 4 et 5 du présent arrêté sont applicables à tout chien divagant sauf en ce qui concerne le montant des frais de garde et de nourriture estimé à cinq mille francs (5.000 Frw).
Iminsi igenwe yo gusaba gusubizwa imbwa ifunze ni itatu (3).		The period of time to claim an impounded dog is fixed at three (3) days.	Le délai imparti pour réclamer un chien mis en fourrière est de trois (3) jours.
<b><u>Ingingo ya 9:</u> Ibyemezo bifatirwa imbwa zitagira ba nyirazo</b>		<b><u>Article 9:</u> Measures to be taken against captured dogs without Owners</b>	<b><u>Article 9:</u> Mesures prévues pour les chiens capturés sans propriétaires</b>
Imbwa zizerera zitagira ba nyirazo zicwa n'inzego z'ubuvuzi bw'amatungo bubifashijwemo n'inzego za Polisi aho zigaragariye hose.		Wherever stray dogs without owners are found, they shall be shot down by the veterinary authorities with the assistance of the Police.	A n'importe quel lieu où ils se trouvent, les chiens divagant et sans propriétaires sont abattus par les autorités vétérinaires assistées par la police.
<b><u>Ingingo ya 10:</u> Ibyemezo bifatirwa imbwa zizerera zitagomba kwicwa</b>		<b><u>Article 10:</u> Measures to be taken against stray dogs for which the action of shooting them down is not applicable</b>	<b><u>Article 10:</u> Mesures prévues pour les chiens en divagation et dont l'abattage n'est pas applicable</b>
Aho kugirango imbwa zigurishwe mu cyamunara cyangwa se zicwe, zishobora guhabwa ibigo bya Leta kugirango zikorereho ubushakashatsi habanje gutangwa uruhushya n'ubuyobozi bw'Akarere.		Instead of being publicly sold or shot down, the dogs may, upon written authorization of the District authority, be given to any official establishment for use in scientific research.	Au lieu d'être mis en vente ou abattus, les chiens peuvent, sur autorisation écrite de l'autorité territoriale, être mis à la disposition de tout établissement officiel, aux fins de servir à des recherches scientifiques.

**UMUTWE WA IV: KWORORA INYAMASWA Z'ISHYAMBA Z'INKAZI ZIZWIHO UBUGOME**

**Ingingo ya 11: Korora inyamaswa z'ishyamba**

Birabujijwe gutunga inyamaswa z'inkazi zizwiho ubugome cyane cyane izi zikurikira: intare, ingwe, impyisi, imbwebwe, inguge, ingona, inzoka zifite ubumara, inziramire, imbwa z'ishyamba, inyoni nini zihiga, ingunzu, imondo, inturo n'izindi nyamaswa ntoya zitungwa n'inyama.

Icyakora, Misitiri ufite ubworozi mu nshingano ze, amaze kubijyamo inama na Minisitiri ufite imicungire ya pariki mu nshingano ze, ashobora gutanga uburenganzira bwo gutunga inyamaswa z'inkazi zizwiho ubugome kugirango zikoreshwe mu rwego rw'ubushakashatsi cyangwa mu nyungu z'igihugu.

Ubwo burenganzira bwerekana buri gihe imyiteguro igomba gukorwa na bene inyamaswa mu nyungu rusange cyangwa izindi ngamba zikwiye. Ubwo burenganzira bukurwaho igihe cyose bibaye ngombwa.

**UMUTWE V: IBIHANO**

**Ingingo ya 12: Ibihano**

Iyo amatungo cyangwa inyamaswa zateye ibyago bikomeye birimo gukomeretsa n'urupfu ku

**CHAPTER IV: DETENTION OF DANGEROUS WILD ANIMALS**

**Article 11: Keeping of wild animals**

It is prohibited to keep wild animals recognized as dangerous or harmful, including the following animals: lions, leopards, hyenas, hunting dogs, baboons, crocodiles, venomous snakes, pitons, jackals, large birds of prey, serval, wild cats and other small carnivorous.

However, the Minister in charge of animal resources, after consultation with the Minister in charge of national parks management, may authorize detention of such animals for scientific purposes or in the public interest.

Such authorisation shall prescribe, in each case, the precaution measures to be taken by beneficiaries, in the public interest and any other appropriate measures. These authorisations may be revoked at any time when deemed necessary.

**CHAPTER V: PENALTIES**

**Article 12: Penalties**

Where the wild or domestic animals have caused serious damages including serious

**CHAPITRE IV: POSSESSION DES ANIMAUX SAUVAGES RECONNUS DANGEREUX OU NUISIBLES**

**Article 11: Détention des animaux sauvages**

Il est interdit de détenir les animaux sauvages réputés dangereux ou nuisibles, notamment les lions, léopards, hyènes, lycaons ou chiens chasseurs, cynocéphales, crocodiles, serpents venimeux, pitons chacals ou chiens sauvages, grands oiseaux de proies, servals, chats sauvages et autres petits carnivores.

Toutefois, le Ministre ayant les ressources animales dans ses attributions, après consultation avec le Ministre ayant la gestion des parcs dans ses attributions, peut autoriser la détention de tels animaux dans un but scientifique ou dans l'intérêt public.

Cette autorisation prescrit dans chaque cas, les précautions à prendre par les intéressés, dans l'intérêt général, ainsi que toutes autres mesures utiles. Ces autorisations peuvent être révoquées à tout moment où il s'avère nécessaire.

**CHAPITRE V: SANCTIONS**

**Article 12: Sanctions**

Lorsque les animaux sauvages ou domestiques ont causé des dommages graves entre autre des

muntu, nyir'itungo ahanwa hakurikijwe amategeko ariho.

injury or death, the owner of the animal shall be punishable in accordance with laws in force.

blessures graves ou la mort, le propriétaire de l'animal est passible des sanctions prévues par la législation en vigueur.

**UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA**

**CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES**

**Ingingo ya 13: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

**Article 13: Repealing provision**

**Article 13: Disposition abrogatoire**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior legal provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Ingingo ya 14: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa**

**Article 14: Commencement**

**Article 14: Entrée en vigueur**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 18/11/2010

(sé)

**KALIBATA Agnes**

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi

Kigali, on 18/11/2010

(sé)

**KALIBATA Agnes**

Minister of Agriculture and Animal Resources

Kigali, le 18/11/2010

(sé)

**KALIBATA Agnes**

Ministre de l'Agriculture et des Ressources  
Animales

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**

Ministiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya Leta

**Seen and sealed with the Seal of the  
Republic:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**

Minister of Justice / Attorney General

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**

Ministre de la Justice /Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI N° 010/11.30 RYO KUWA 18/11/2010 RIGENA ZONE ZIKORERWAMO UBWOROZI BWO MU MAZI N'UBUROBYI

MINISTERIAL ORDER N°010/11.30 OF 18/11/2010 DETERMINING AQUACULTURE AND FISHING ZONES

ARRETE MINISTERIEL N° 010/11.30DU 18/11/2010 DETERMINANT LES ZONES D'AQUACULTURE ET DE PECHE

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere** : Ikigamijwe muri iri teka

**Article One**: Purpose of this Order

**Article premier** : Objet du présent arrêté

**Ingingo ya 2** : Zone z'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi

**Article 2**: Aquaculture and fishing zones

**Article 2** : Zones d'aquaculture et de pêche

**Ingingo ya 3**: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

**Article 3**: Repealing provision

**Article 3**: Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 4** : Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

**Article 4** : Commencement

**Article 4** : Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 010/11.30 RYO KUWA 18/11/2010 RIGENA ZONE ZIKORERWAMO UBWOROZI BWO MU MAZI N'UBUROBYI**

**Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo; iya 120, iya 121 n'iya 201 ;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo kuwa 08/04/2005 ryerekeye uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda ;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 08/2005 ryo kuwa 14/07/2005 rigena imikoreshereze y'ubutaka mu Rwanda ;

Ashingiye ku Itegeko n° 58/2008 ryo kuwa 10/09/2008 ryerekeye imiterere y'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 10;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 09/07/2010 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**MINISTERIAL ORDER N°010/11.30 OF 18/11/2010 DETERMINING AQUACULTURE AND FISHING ZONES**

**The Minister of Agriculture and Animal Resources,**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining the modalities of environment protection, conservation and development in Rwanda;

Pursuant to Organic Law n° 08/2005 of 14/07/2005 establishing the use and management of land in Rwanda;

Pursuant to Law n° 58/2008 of 10/09/2008 determining the organization and management of aquaculture and fishing in Rwanda, especially in Article 10;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 09/07/2010;

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE MINISTERIEL N° 010/11.30 DU 18/11/2010 DETERMINANT LES ZONES D'AQUACULTURE ET DE PECHE**

**Le Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales,**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda;

Vu la Loi Organique n° 08/2005 du 14/07/2005 portant régime foncier au Rwanda;

Vu la Loi n° 58/2008 du 10/09/2008, portant organisation de l'aquaculture et de la pêche au Rwanda, spécialement en son article 10 ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 09/07/2010;

**ARRETE:**

**Ingingo ya mbere : Ikigamijwe muri iri teka**

Iri teka rigena zone z'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi.

**Ingingo ya 2 : Zone z'uburobyi n'ubworozi bwo mu mazi**

Hashyizweho zone umunani (8) z'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi zikurikira :

- 1° Muhazi igizwe n'uturere dukora ku kiyaga cya Muhazi (Gicumbi, Gasabo, Rwamagana, Kayonza (imirenge ikora kuri Muhazi) n'Umujyi wa Kigali;
- 2° Gisaka igizwe n'akarere ka Ngoma n'imirenge ibiri y'akarere ka Rwamagana ikora ku kiyaga cya Mugesera (Karengi na Rubona);
- 3° Bugesera igizwe n'akarere ka Bugesera ;
- 4° Akagera igizwe na Pariki y'Akagera n'akarere ka Nyagatare ;
- 5° Nasho igizwe n'ibiyaga byo mu gikombe cya Nasho mu turere n'imirenge bidakora ku kiyaga cya Muhazi ;
- 6° Zone y'Amajyaruguru igizwe n'uturere twa Bulera, Ruhondo, Musanze, Gakenke, Nyabihu na Rulindo;
- 7° Zone ya Kivu igizwe n'uturere twa Rusizi, Nyamasheke, Karongi, Rutsiro na Rubavu;

**Article One: Purpose of this Order**

This Order determines aquaculture and fishing zones.

**Article 2: Aquaculture and fishing zones**

It is hereby established the following eight (8) aquaculture and fishing zones:

- 1° Muhazi comprised of Lake Muhazi riparian Districts (Gicumbi, Gasabo, Rwamagana, Kayonza (sectors bordering Lake Muhazi) and Kigali City;
- 2° Gisaka comprised of Ngoma District and two Sectors of Rwamagana District bordering Lake Mugesera (Karengi and Rubona);
- 3° Bugesera comprised of Bugesera District;
- 4° Akagera made up of lakes located in Akagera National Park and Nyagatare District;
- 5° Nasho made up of lakes in the Nasho Basin, in the Districts and Sectors not bordering with Lake Muhazi;
- 6° Northern region comprised of Bulera, Ruhondo, Musanze, Gakenke, Nyabihu and Rulindo Districts;
- 7° Kivu region comprised of Rusizi, Nyamasheke, Karongi, Rutsiro and Rubavu;

**Article premier : Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine les zones d'aquaculture et de pêche.

**Article 2 : Zones d'aquaculture et de pêche**

Sont créées huit (8) zones d'Aquaculture et de pêche suivantes :

- 1° Muhazi composée des Districts riverains du lac Muhazi (Gicumbi, Gasabo, Rwamagana, Kayonza (Secteurs riverains du lac Muhazi) et de la Ville de Kigali ;
- 2° Gisaka composée du District de Ngoma et de deux Secteurs du District de Rwamagana riverain du lac Mugesera (Karengi et Rubona) ;
- 3° Bugesera composée du District de Bugesera ;
- 4° Akagera composée des lacs du Parc National de l'Akagera et du District de Nyagatare ;
- 5° Nasho composée des lacs de la Cuvette de Nasho dans les Districts et Secteurs non riverains du lac Muhazi ;
- 6° Zone du Nord composée des Districts de Bulera, Ruhondo, Musanze, Gakenke, Nyabihu et Rulindo;
- 7° Zone de Kivu composée de Rusizi, Nyamasheke, Karongi, Rutsiro et Rubavu ;



8° Zone y'Amajyepfo igizwe n'uturere tw'Intara y'Amajyepfo hiyongeyeho akarere ka Ngororero.

8° Southern region comprised of the Districts of the Southern Province and Ngororero District.

8° Zone du Sud composée des Districts de la Province du Sud et du District de Ngororero.

**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

**Article 3: Repealing provision**

**Article 3: Disposition abrogatoire**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior legal provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Ingingo ya 4: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa**

**Article 4 : Commencement**

**Article 4 : Entrée en vigueur**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 18/11/2010

Kigali, on 18/11/2010

Kigali, le 18/11/2010

(sé)

**KALIBATA Agnes**  
Minisitiri w'Ubuhanzi n'Ubworozi

(sé)

**Dr KALIBATA Agnes**  
Minister of Agriculture and Animal Resources

(sé)

**KALIBATA Agnes**  
Ministre de l'Agriculture et des Ressources  
Animales

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika y'u Rwanda:**

**Seen and sealed with the Seal of the  
Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/ Attorney General

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI N° 011/11.30 RYO KUWA 18/11/2010 RYEREKEYE UBURYO BWO KUVANA MU MAHANGA, GUCURUZA NO GUKWIRAKWIZA UMUTUNGO UKOMOKA KU BUROBYI N'IBIKORESHO BY'UBUROBYI N'UBWOROZI BWO MU MAZI

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Ingingo ya 2: Ibyo iri teka rireba

Ingingo ya 3: Isobanuramagambo

UMUTWE WA II: GUCURUZA NO GUTWARA AMAFI

Ingingo ya 4: Uruhushya rusabwa

Ingingo ya 5: Ahantu amafi yinjirira n'aho asohokera

Ingingo ya 6: Uruhushya, icyemezo n'uburenganzira byo kuvana amafi mu mahanga

Ingingo ya 7: Uruhushya rwo kugenda mu gihugu n'icyemezo cy'ubuzima

Ingingo ya 8: Gushyira ubwoko bw'amafi

MINISTERIAL ORDER N° 011/11.30 OF 18/11/2010 ON THE IMPORTATION, MARKETING AND DISTRIBUTION MODALITIES OF AQUACULTURE AND FISHERIES PRODUCTS, EQUIPMENT AND MATERIALS

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Order

Article 2: Scope of this Order

Article 3: Definition of terms

CHAPTER II: FISH MARKETING AND TRANSPORTATION

Article 4: Required authorization

Article 5: Entry and exit posts

Article 6: License, certificate and authorization for importation

Article 7: Circulation License and Health Certificate

Article 8: Introduction of fish species

ARRETE MINISTERIEL N° 011/11.30 DU 18/11/2010 PORTANT MODALITES D'IMPORTATION, DE COMMERCIALISATION ET DE DISTRIBUTION DES PRODUITS, ENGINS ET MATERIELS D'AQUACULTURE ET DE PECHE

TABLE DE MATIERE

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet du présent arrêté

Article 2: Champ d'application du présent arrêté

Article 3: Définitions des termes

CHAPITRE II: COMMERCE ET TRANSPORT DE POISSONS

Article 4: Autorisation requise

Article 5: Postes d'entrée et de sortie

Article 6: Permis, certificat et autorisation d'importation

Article 7: Permis de circulation et certificat sanitaire

Article 8: Introduction des espèces et œufs de

<p>cyangwa amagi y'amafi mu mazi y'u Rwanda <u>Ingingo ya 9:</u> Ahantu amafi n'umutungo ukomoka ku burobyi binyura n'uko bitwarwa ku rwego mpuzamahanga <u>Ingingo ya 10:</u> Uruhushya rwo gutwara amafi n'umutungo ukomoka ku burobyi n'ubworozi bwo mu mazi ku rwego rw'igihugu <u>Ingingo ya 11:</u> Ibisabwa mu itwara ry'amafi mazima <u>Ingingo ya 12:</u> Ibikorwa bikurikira itwarwa ry'amafi mazima</p>	<p>and fish eggs into water bodies in Rwanda <u>Article 9:</u> International transit and transport of aquaculture and fishery products <u>Article 10:</u> Authorization for national transport of aquaculture and fisheries products <u>Article 11:</u> Conditions for transport of living fish <u>Article 12:</u> Activities subsequent to the transport of living fish</p>	<p>poissons dans les eaux du Rwanda <u>Article 9:</u> Transit et transport international des produits de l'aquaculture et pêche <u>Article 10:</u> Autorisation de transport national des produits de l'aquaculture et pêche <u>Article 11:</u> Conditions de transport des poissons vivants <u>Article 12:</u> Activités consécutives au transport des poissons vivants</p>
<p><u>Ingingo ya 13:</u> Ibisabwa utwara amafi atari mazima agenewe kuribwa</p>	<p><u>Article 13:</u> Requirements for transport of non living fish for consumption</p>	<p><u>Article 13:</u> Conditions de transport des poissons non vivants de consommation</p>
<p><u>Ingingo ya 14:</u> Uruhushya rwo gucuruza amafi yo kurya ku baranguza</p>	<p><u>Article 14:</u> Authorization to sell fish for consumption for wholesalers</p>	<p><u>Article 14:</u> Autorisation de vente des poissons de consommation pour les grossistes</p>
<p><u>Ingingo ya 15:</u> Uruhushya rwo gucuruza amafi yo kurya ku badandaza</p>	<p><u>Article 15:</u> Authorization to retail fish for consumption</p>	<p><u>Article 15:</u> Autorisation de vente au détail des poissons de consommation</p>
<p><u>Ingingo ya 16:</u> Ubucuruza bw'ibikoresho n'izindi nyongeramusaruro z'uburobyi n'ubworozi bwo mu mazi</p>	<p><u>Article 16:</u> Marketing of aquaculture and fishery gears, materials and other inputs</p>	<p><u>Article 16:</u> Commercialisation des engins, matériels et autres intrants d'aquaculture et pêche</p>
<p><b><u>UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER III: FINAL PROVISIONS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE III: DISPOSITIONS FINALES</u></b></p>
<p><u>Ingingo ya 17:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amateka zinyuranyije n'iri teka</p>	<p><u>Article 17:</u> Repealing provision</p>	<p><u>Article 17:</u> Disposition abrogatoire</p>
<p><u>Ingingo ya 18:</u> Igihe iri teka ritangira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 18:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 18:</u> Entrée en vigueur</p>

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 011/11.30 RYO KUWA 18/11/2010 RYEREKEYE UBURYO BWO KUVANA MU MAHANGA, GUCURUZA NO GUKWIRAKWIZA UMUTUNGO UKOMOKA KU BUROBYI N'IBIKORESHO BY'UBUROBYI N'UBWOROZI BWO MU MAZI**

**Minisitiri w'Ubuhanzi n'Ubworozi;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'iya 201 ;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo kuwa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda ;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 08/2005 ryo kuwa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka;

Ashingiye ku Itegeko n° 58/2008 ryo kuwa 10/09/2008 ryerekeye imitunganyirize n'imicungire y'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 8;

Inama y'abaminisitiri yateranye kuwa 09/07/2010 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**MINISTERIAL ORDER N° 011/11.30 OF 18/11/2010 ON THE IMPORTATION, MARKETING AND DISTRIBUTION MODALITIES OF AQUACULTURE AND FISHERIES PRODUCTS, EQUIPMENT AND MATERIALS**

**The Minister of Agriculture and Animal Resources;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining the modalities of environment protection, conservation and development in Rwanda;

Pursuant to Organic Law n° 08/2005 of 14/07/2005 establishing the use and management of land in Rwanda;

Pursuant to Law n° 58/2008 of 10/09/2008 determining the organization and management of aquaculture and fishing in Rwanda, especially in article 8;

After consideration and adoption by the Cabinet in its session of 09/07/2010;

**ARRETE MINISTERIEL N° 011/11.30 DU 18/11/2010 PORTANT MODALITES D'IMPORTATION, DE COMMERCIALISATION ET DE DISTRIBUTION DES PRODUITS, ENGINS ET MATERIELS D'AQUACULTURE ET DE PECHE**

**Le Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales ;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201 ;

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda;

Vu la Loi Organique n° 08/2005 du 14/07/2005 portant régime foncier au Rwanda;

Vu la Loi n° 58/2008 du 10/09/2008, portant organisation de l'aquaculture et de la pêche du Rwanda, spécialement en son article 8;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 09/07/2010;

**ATEGETSE :**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO**  
**RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena uburyo bwo kuvana mu mahanga, gucuruza no gukwirakwiza umutungo ukomoka ku burobyi, ibikoresho by'uburobyi n'ubworozi bwo mu mazi.

**Ingingo ya 2: Ibyo iri teka rireba**

Iri teka rireba ibijyanye n'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi, amafi mazima, amagi y'amafi, amafi mabisi akonjesheje mu byuma bikonjesha, ayabitswe hakoreshejwe umunyu, kubabura, kumishwa, cyangwa ubundi buryo uretse amafi ari mu bikombe bifunze neza bitarengeje ikiro kimwe (1), ibinyamunjonjorerwa n'ibindi umuyobozi ubifitiye ububasha ashira muri icyo cyiciro.

Iri teka na none rireba ibikoresho by'uburobyi n'ubworozi bwo mu mazi, inyongeramusaruro zose zikoreshwa mu burobyi n'ubworozi bwo mu mazi nk'amato y'uburobyi, inshundura, ibihembo, indobane, amatara, ibiryo by'amafi, imiti n'izindi nyongeramusaruro z'uburobyi n'umugaruro w'amafi.

**HEREBY ORDERS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL**  
**PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order regulates the importation, marketing and distribution modalities of aquaculture and fishery products, equipment and materials

**Article 2: Scope of this Order**

This Order concerns aquaculture and fishery products, living fish, fish eggs, fresh, frozen, cooled, preserved fish or processed fish prepared by salting, smoking, drying, or any other way except for preserved fish contained in well-closed containers not exceeding one (1) kilogram, mollusks and shellfish, and all other product which may be classified in this category by the relevant authority

This Order also concerns aquaculture and fishery equipment and materials, all aquaculture and fishing inputs, in particular vessels, nets, bow nets, hooks, lamps, fish feeds, drugs and other fishing inputs and fish productions.

**ARRETE :**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS**  
**GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine les modalités d'importation, de commercialisation et de distribution des produits, engins et matériels d'aquaculture et de pêche.

**Article 2: Champ d'application du présent arrêté**

Le présent arrêté concerne les produits de l'aquaculture et pêche, les poissons vivants, les œufs des poissons, les poissons frais, congelés, réfrigérés, conservés ou préparés par salaison, fumage, séchage ou toute autre façon à l'exception des poissons en conserve renfermés dans les récipients hermétiquement clos ne dépassant pas un poids de un (1) kilogramme, les mollusques et crustacés et tout autre produit qui serait classé dans cette catégorie par l'autorité compétente.

Sont également concernés par le présent arrêté les engins et matériels d'aquaculture et de pêche, tous les intrants utilisés dans l'aquaculture et la pêche notamment les embarcations de pêche, les filets, les nasses, les hameçons, les lampes, les aliments pour poissons, les médicaments et autres intrants de pêche et de production de

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri teka, amagambo akurikira asobanura:

1. **umuranguzi:** umucuruzi w'amafi ufite mu bubiko bwe ibiro magana atanu (500) by'amafi cyangwa birenzeho, kandi akagurisha umubumbe w'amafi menshi.
2. **umudandaza:** umucuruzi w'amafi ufite mu bubiko bwe ibiro by'amafi bitageze kuri magana atanu (500), agurisha ku ngano ntoya cyangwa ifi imwe (1) imwe (1).

**UMUTWE WA II: GUCURUZA NO GUTWARA AMAFI**

**Ingingo ya 4: Uruhushya rusabwa**

Bitabangamiye amategeko agenga ibiva mu mahanga biza ku butaka bw'u Rwanda, kuzana ibikoresho by'uburobyi n'undi mutungo ukomoka ku burobyi uvugwa mu ingingo ya mbere y'iri teka, ku mpamvu iyo ariyo yose, bisaba uruhushya rw'umuyobozi ufite mu nshingano ze uburobyi n'ubworozi bwo mu mazi cyangwa umuhagarariye.

Umuyobozi ushinzwe ibibazo byerekeye kwinjiza no gusohora mu gihugu amafi

**Article 3: Definition of terms**

Under this Order, the following terms shall be defined as follows:

1. **wholesaler:** a fish salesman having in his/her stock five hundreds (500) kilograms or more of fish, and sells it in bulk to those who will resell it.
2. **retailer:** a fish salesman having in his/her stock less than five hundreds (500) kilograms of fish, and sells it in small quantities or one (1) by one (1).

**CHAPTER II: FISH MARKETING AND TRANSPORTATION**

**Article 4: Required authorization**

Without prejudice to legal provisions into force governing importation on the territory of the Republic of Rwanda, the importation, for any reason, of equipment, materials and products stated in Article One of this Order, shall require prior authorization from the authority in charge of aquaculture and fisheries at national level or his/her representative.

The competent authority responsible for matters relating to exportation and importation of fish and fish by-products shall establish

poissons.

**Article 3: Définitions des termes**

Par le présent arrêté, les termes suivants sont définis comme suit :

1. **vendeur grossiste:** vendeur des poissons ayant dans son stock cinq cents (500) kilogrammes de poissons ou plus et les vend en grande quantité à ceux qui vont les revendre.  
**vendeur détaillant:** vendeur des poissons ayant dans son stock moins de cinq cents (500) kilogrammes de poissons et les vend en petite quantité ou un (1) à un (1).

**CHAPITRE II: COMMERCE ET TRANSPORT DE POISSONS**

**Article 4: Autorisation requise**

Sans préjudice des dispositions des lois en vigueur régissant les importations sur le territoire de la République du Rwanda, l'importation, pour n'importe quel motif, des engins, matériels et produits cités dans l'article premier du présent arrêté, doit requérir une autorisation préalable de l'autorité ayant l'aquaculture et la pêche dans ses attributions au niveau national ou son représentant.

L'autorité compétente responsable des questions relatives à l'exportation et l'importation des

n'ibiyakomokaho asabwa gushyiraho urugero ngenderwaho rwo gufata neza amafi mu rugendo. Ashobora kandi gusaba ko amafi akorerwa ibizamini mbere, mu rugendo na nyuma yarwo, agasaba n'icyemezo cyabugenewe ndetse no kugira ibyandikwa mu bitabo.

**Ingingo ya 5: Ahantu amafi yinjirira n'aho asohokera**

Ahantu ibikoresho by'ubworozi bwo mu mazi n'uburobyi kimwe n'umutungo ukomoka ku burobyi byinjirira cyangwa bisohokera mu gihugu ni aha hakurikira:

- 1° Kanombe;
- 2° Rusumo;
- 3° Kagitumba;
- 4° Gatuna;
- 5° Cyanika;
- 6° Rubavu;
- 7° Rusizi;
- 8° Akanyaru ka ruguru;
- 9° Bugarama;
- 10° Nemba.

Buri hantu hinjirira cyangwa hasohokera amafi hagomba kuba umuyobozi ufite ubumenyi buhagije, ugomba gusuzuma umutungo ukomoka ku burobyi n'ubworozi bwo mu mazi bihaca. Iyo bibaye ngombwa, ashobora gushyira mu kato uwo mutungo.

minimal standards for the wellbeing of fish during transport. He/she may impose a clinical examination prior to, during and after transport, a suitable certification and the keeping of registers.

**Article 5: Entry and exit posts**

The following posts are hereby designated as entry and exit posts for importation, exportation, and transit of aquaculture and fisheries equipment, materials and products:

- 1° Kanombe;
- 2° Rusumo;
- 3° Kagitumba;
- 4° Gatuna;
- 5° Cyanika;
- 6° Rubavu;
- 7° Rusizi;
- 8° Upper Akanyaru;
- 9° Bugarama;
- 10° Nemba.

